



AJECL asbl

Association des Jeunes de Saint Charles Lwanga
B.p 2805 Kigali-Rwanda, Tel: (+250) 788 30 51 48

"Mens Sana in Corpore Sano"

**RAPORO Y'IBIKORWA BYIMAKAZA UMUCO W'UBUMWE
N'AMAHORO MU RUBYIRUKO RWO MU KARERE KA BUGESERA MU
MWAKA WA 2021 – 2022**

GWIZA AMAHORO PROGRAM 2100

Bugesera, Kuwa 06/09/2022

Table of Contents

0. INTANGIRIRO.....	3
1. GUHUGURA ABANYESHURI MU MASHURI YISUMBUYE MU BIJYANYE N’UMUCO W’UBUMWE N’AMAHORO NO KWIRINDA IBYONNYI BY’UBUZIMA BINYUZE MURI GWIZAMAHORO CLUBS	3
1.1. IBIKORWA BAKOZE MURI UYU MWAKA	4
1.2. UKO BAKORESHEJE ISANDUKA YABO MURI UYU MWAKA	4
1.3. UBUTUMWA BUYOBORA IBIGANIRO BYABO BUKUBIYE MU BYIVUGO BIGARAGAZA IMIGABO N’IMIGAMBI YABO.	5
1.3.1 IJWI RY’IMFURA Z’IKINYEJANA CYA 21	5
1.3.2. IKIVUGO CY’ABABYIRUKIYE MURI GWIZAMAHORO CLUBS.....	6
1.3.3. INSANGANYAMATSIKO MU MIKINO	6
2. GUTOZA URUBYIRUKO UMUCO W’UBUMWE N’AMAHORO BINYUZE MU MIKINO	6
2.1. IBIRORI BYO GUSOZA AYA MARUSHANWA	7
2.1.1. Igitambo cy’ukarisitiya cyo gusabira amahoro u Rwanda n’Akarere k’Ibiyaga Bigali	7
2.1.2. Urugendo rw’amahoro n’ubutumwa bunyuranye ku kibuga cya Kindama	8
2.2.2. Gutanga ibihembo ku makipe yagize imyanya 3 ya mbere mu bahungu n’abakobwa:	10
3. GUTOZA URUBYIRUKO UMUCO WO KUZIGAMA NO KUGURIZANYA.....	11
4. IBIKORWA BITEGANYWA MURI UYU MWAKA TURIMO WA: 2022 - 2023	12

0. INTANGIRIRO

AJECL ni umuryango nyarwanda utari uwa Leta washinzwe mu mwaka w'2004, mu karere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali, wabonye ubuzima gatozi mu mwaka w'2008, wandikwa muri RGB mu mwaka w'2013. Ufite ikicaro mu murenge wa Mageragere, aho ufite intego yo kubaka **Centre IGICUMBI CY'AMAHORO Y'IKINYEJANA CYA 21**. Watangiye gukorera mu Bugesera mu mwaka w'2020. Uyu muryango ugamije kugira uruhare mu burezi bw'urubyiruko rw'ikinyejana cya 21, ukarwubakamo ubushobozi burufasha kugira uruhare mu kubaka igihugu kiganjemo umuco w'ubumwe n'amahoro birambye.

AJECL yatekereje gahunda y'ikinyejana cyose cya 21 wise: **GWIZA AMAHORO PROGRAM 2100**, akaba ariyo iyobora ibikorwa byose uwo muryango ukora, bikubiye mu byiciro bitatu byuzuzanya: Guhugura abanyeshuri mu mashuri yisumbuye mu nyigisho zo kwimakaza umuco w'amahoro no kwirinda ibyonnyi by'ubuzima bw'abato no kubabumbira muri Gwizamahoro clubs, kwifashisha izo Gwizamahoro clubs mu kwimakaza umuco w'ubumwe n'amahoro binyuze mu mikino ihuza urubyiruko rw'abahungu n'abakobwa mu mirengi AJECL ikoreramo no gutoya urubyiruko umuco wo kurwanya ubukene binyuze mu matsinda bimenyererezamo kwizigama no kugurizanya.

Iyi raporo iragaragaza ibikorwa uyu muryango wa AJECL wakoreye mu karere ka Bugesera muri ibyo byiciro uko ari 3.

1. GUHUGURA ABANYESHURI MU MASHURI YISUMBUYE MU BIJANYE N'UMUCO W'UBUMWE N'AMAHORO NO KWIRINDA IBYONNYI BY'UBUZIMA BINYUZE MURI GWIZAMAHORO CLUBS

Gwizamahoro clubs zashinzwe mu mashuri yisumbuye yo mu karere ka Bugesera zakurikiranwe muri uyu mwaka zibumbiyemo abanyeshuri basaga **630** ni izi zikurikira:

1. GWIZAMAHORO CLUB GS Mayange A
2. GWIZAMAHORO CLUB GS Mayange B
3. GWIZAMAHORO CLUB GS Mareba
4. GWIZAMAHORO CLUB GS Gihinga
5. GWIZAMAHORO CLUB GS Twimpala
6. GWIZAMAHORO CLUB GS Bushonyi
7. GWIZAMAHORO CLUB GS Butereri
8. GWIZAMAHORO CLUB GS Ndamu

9. GWIZAMAHORO CLUB GS Tunda
10. GWIZAMAHORO CLUB GS Nziranziza

1.1. IBIKORWA BAKOZE MURI UYU MWAKA

- Ibikorwa by'urukundo: bagiye bafashanya hagati yabo ndetse bafashije n'abandi banyeshuri b'abakene batari muri clubs, bagiye bakora n'ibindi bikorwa by'urukundo nko gukora isuku mu kigo ,...
- Bise ku biti by'amahoro byatewe mu gihe cy'amahugurwa byerekana ko hari ubutumwa bw'amahoro bwabibwe mu bigo byabo bagomba gusigasira.
- Bibukiranyije inyigisho bahawe mu mahugurwa
- Bashatse abanyamuryango bashya
- Bakoze ibihangano bikangurira urubyiruko kwimakaza umuco w'ubumwe n'amahoro binyuze mu ndirimbo, imivugo, amakinamico, inkuru zanditse n'izishushanyije, imbyino gakondo, akarasisi,...
- Batanze ibiganiro ku banyeshuri bo mu bigo byabo bibakangurira kwirinda ibyonnyi by'ubuzima nk'ubusambanyi, ibiyobyabwenge, uburara no gukumira ihohoterwa rikorerwa abana n'urubyiruko.
- Bagiye bafatanya gukemura amakimbirane bahura nayo mu mahoro binyuze mu biganiro haba ku ishuri no mu rugo.
- Bagiye bakora raporo z'ibikorwa byakorwaga buri kwezi bakazitanga kuri AJECL.

Buri club kandi zatewe inkunga y'amafaranga ibihumbi mirongo itatu (30,000) yo kubafasha gutangiza agasanduku ka clubs kugirango afashe abanyamuryango kwiteza imbere mu bikorwa bitandukanye ariko akagaruka muri caise kugirango clubs zirusheho gutera imbere.

1.2. UKO BAKORESHEJE ISANDUKA YABO MURI UYU MWAKA

1.GS Mayange A	Bakoze umushinga wo gucuruza amakayi no kwizigama, mu mpera z'iki gihembwe abagize club bagabanye inyungu n'ubwizigame bwabo andi ari muri caise ya club.
2.GS Mayange B	Boroje abanyamuryango 7 inkoko 4 n'inkavu 3, inkoko imwe yaturaze abashwi 3 naho inkwavu zo zirahaka kandi nizororoka bazoroza abandi

	banyamuryango, bari bakoze n'igikorwa cyo gucuruza ibikoresho by'abanyeshuri bashoye 12,000Frw bungutse 16,000Frw bayahuje n'ubwizigame bwabo barayagabana. Muri caise hasigayemo frw y'inkunga.
3.GS Mareba	Abanyamuryango ba club boroye inkoko kandi zimeze neza.
4.GS Twimpala	Amafaranga y'inkunga yagurijwe abanyamuryango bagakora imishinga iciriritse bayungukira 10%. Ubu bafite 16,000frw mu isanduka barateganya kuzahura muri iki kiruhuko abatarishyura bakishyura noneho bakagabana inyungu n'ubwizigame.
5.GS Butereri	Bakoze itsinda ryo kwizigama bagabanye ubwizigame bwabo n'inyungu, amafaranga y'inkunga ari muri caise.
6.GS Bushonyi	Bakoze igikorwa cyo gucuruza ibikoresho by'abanyeshuri bashoye 15,000frw bungutse andi 15,000frw ubu muri caise ya club harimo 45,000frw.
7.GS Gihinga	Bakoze itsinda ryo kwizigama bagabanye ubwizigame bwabo n'inyungu naho frw y'inkunga ari muri caise ya club.
8.GS Ndama	Bakoze itsinda ryo kubitsa no kugurizanya, mu mpera z'igihembwe buri munyamuryango yagabanye ubwizigame bwe n'inyungu zayo. Frw y'inkunga yasigaye muri caise.
9.GS Tunda	Baguze inkoko buri wese ajya kuyorora ubu zimeze neza

1.3. UBUTUMWA BUYOBORA IBIGANIRO BYABO BUKUBIYE MU BYIVUGO BIGARAGAZA IMIGABO N'IMIGAMBI YABO.

1.3.1 IJWI RY'IMFURA Z'IKINYEJANA CYA 21

“TWANZE KUBA IKIRARO CY'URWANGO, INZIKA, UMUJINYA N'IBITEKEREZO BYO KWIKUNDA, BYASENYE IKINYEJANA CYA 20 NGO BISESERE MUBISEKURU BY'IKINYEJANA CYACU NGO BIDUSENYEREHO IGIHUGU CYACU DUKUNDA”

1.3.2. IKIVUGO CY'ABABYIRUKIYE MURI GWIZAMAHORO CLUBS

“ABABYIRUKIYE MURI GWIZAMAHORO CLUB, TURI IMFURA Z’IKINYEJANA CYA 21, TWAHISEMO KWIREMA AHO KWIREMAZA, TUGWIZA AMAHORO TUNAYAGABA MU KINYEJANA CYACU. TUZAHUZWA N’AMATEKA Y’IGIHUGU CYACU AHO GUTANYWA NAYO; NTITUZEMERA KUBA IKIRARO CYAMBUKIRAHO IBYAREMAJE IKINYEJANA CYAHISE, BIRIMO URWANGO, INZIKA, UMUJINYA N’IBITEKEREZO BYO KWIKUNDA. UBUTO BWACU BURARINZWE KUKO TWAMENYE NEZA KO TURI ABANA B’IMANA, TURI MU ISI Y’IMANA NGO TUGARAGAZEMO IMANA, DUHANGARIZA KUBA IMANA Z’I RWANDA MURI URU RUGENDO RUGANA IMANA. NTITUZEMERA KUGAMBURUZWA N’IBYONNYI N’AMAHWA Y’UBUZIMA, TUZAYIHANDUZA AHO KUYIJOMBESHA, DUHARANIRA KUGIRA IJAMBO RYIGENGA DUKESHA KUBA BAZIMA MU MUTWE, MU MUTIMA NO MU MUFUKA. IBYO NI BYO BYO BYA NYABYO!”

1.3.3. INSANGANYAMATSIKO MU MIKINO

“IMFURA Z’IKINYEJANA CYA 21 TUBYIRUKIYE GUKINA NO KUBANA NTITUBYIRUKIYE GUHANGANA NO KURWANA.”

2. GUTOZA URUBYIRUKO UMUCO W’UBUMWE N’AMAHORO BINYUZE MU MIKINO

Urubyiruko rw’abahungu n’abakobwa bo mu mirenge 6 y’akarere ka Bugesera bateguriwe irushanwa ryo guhatanira igikombe cyiswe: GWIZAMAHORO CUP, kuva mukwezi kwa Gicurasi 2022 kugeza muri Kanama 2022.

Iyo mirenge ni : **SHYARA, NYARUGENGE, RUHUHA, MAREBA, KAMABUYE** na **NGERUKA.**

Irushanwa ryitabiriwe n’amakipe 8 y’abahungu n’amakipe 8 y’abakobwa. Bakinnye imikino ibanza n’iyo kwishyura kugeza muri ½ aho hari hasigayemo amakipe 4 y’abahungu n’amakipe 4 y’abakobwa, yahataniye igikombe n’ibihembo byateguriwe amakipe 3 yambere y’abahungu n’amakipe 3 ya mbere y’abakobwa.

Aya marushanwa yari afite insanganyamatsiko igira iti: ***“IMFURA Z’IKINYEJANA CYA 21 TUBYIRUKIYE GUKINA NO KUBANA NTITUBYIRUKIYE GUHANGANA NO KURWANA.”***

Kuri buri mukino bazirikanaga ko imfura z’ikinyejana cya 21, ari umuntu wese uzaba afite imyaka iri hagati ya 11 na 35 mu mwaka w’2025. Basobanurirwaga indamukanyo ibumbiyemo icyo uru rubyiruko rwifuriza buri munyarwanda muri iki kinyejana igira iti: **GWIZAMAHORO TUYAGABE MU KINYEJANA CYACU**. Baganiraga ku mahoro n’umuco w’amahoro n’uruhare rwabo mu kubyimakaza mu ntangiriro y’iki kinyejana ngo bubake umusingi ukomeye, abana b’iki kinyejana bazakomerezaho, maze kikazaba ikinyejana cy’amahoro bitandukanye n’ikinyejana cyashize. Banagarukaga cyane ku byonnyi by’ubuzima bw’abato birimo, ubusambanyi mu bangavu, inda ziterwa abangavu, ihohotera rishingiye ku gitsina, ikorehwa ry’ibiyobyabwenge, uburara , guta ishuri n’ibindi...

2.1. IBIRORI BYO GUSOZA AYA MARUSHANWA

2.1.1. Igitambo cy’ukarisitiya cyo gusabira amahoro u Rwanda n’Akarere k’Ibiyaga Bigali

Ibirori byo gusozza aya marushanwa byabaye taliki 17 Kanama 2022, bibimburirwa n’igitambo cy’Ukarisitiya cyaturike muri paruwasi gatolika ya Ruhuha cyayobowe na padiri **DUSINGIZIMANA Lambert** , ushinze uburezi muri Kiliziya Gatolika mu Rwanda. Muri iki gitambo cy’Ukarisitiya hakiriwe amasezerano y’urubyiruko 16 bahagarariye abandi biyemeje kubaho batsindisha ineza inabi aho yaturuka hose kandi bagatoza uyu muco n’abandi ari urungano ndetse n’ababyeyi.



2.1.2. Urugendo rw'amahoro n'ubutumwa bunyuranye ku kibuga cya Kindama



Nyuma y'igitambo cy'Ukaristiya urubwiruko ruherekekejwe n'ababyeyi n'abayobozi mu nzego z'ibanze bakoze umutambagiro w'urugendo rw'amahoro ruva kuri paruwasi ya Ruhuha kugera ku kibuga cya Kindama ahabereye umukino wa gicuti wahuje abahungu ba Santarali Twimpala na Nziranziza bari barahuriye ku mukino wa nyuma w'aya marushanwa. Kuri iki kibuga hatangiwe ubutumwa bunyuranye.

Uwashinze ndetse akaba n'Umuyobozi mukuru wa AJECL (Association des Jeunes de Saint Charles Lwanga) Padiri Theogene IYAKAREMYE yatangiye ibirori n'isengesho, yasobanuye

umuryango AJECL impamvu uriho anagaragaza intumbero yawo yatanze ubutumwa ku bari bitabiriye umuhango n’Abanyarwanda muri rusange ashingiye ku mateka yaranze igihugu cyacu aho mu kinyejana cya 20 cyaranzwe n’urwango rukomeye rwakuze rukimakazwa rukageza igihugu kuri Jenoside yakorewe abatutsi muri Mata 1994. Yakomeje avugako muri sosiyete, abantu batanga icyo bateguriwe gutanga. Mubihe binyuranye by’ikinyejana cya 20, abantu bahaye sosiyeti nyarwanda icyo bateguriwe gutanga. *ko ko, Umuntu atanga icyo afite, amahoro arategurwa, urubyiruko rutangiranye n’iki kinyejana cya 21* bimakajwemo umuco w’amahoro, bakawutozwa , ejo n’ejobundi baba batanga amahoro mu gihugu cyacu, ndetse no mu karere k’ibiyaga bigari.



Umuyobozi Nshingwabikorwa wa AJECL Padiri Theogene IYAKAREMYE ageza ijambo kubitabiriye ibirori.

Ubundi butumwa bwatanzwe n’Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’umurenge wa Ruhuha Bwana **RWIKIRIZA Vital** wahagararuiye akarere ka Bugesera n’abandi bayobozi bari bitabiriye ibi birori barimo: Abanyamabanga nshingwabikorwa b’imirenge urubyiruko rwitabiriye amarushanwa rwaturutse ariyo **SHYARA, NYARUGENGE, RUHUHA, MAREBA** n’ushinzwe imibereho myiza y’abaturage mu murenge wa **NGERUKA**. Mu butumwa yatanze yashishikariye ababyeyi kurera neza abana bakabatoza umurimo n’indangagaciro kugirango igihugu cyacu gikomeze gitekane.



Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'umurenge wa Ruhuha ageza ijambo kubitabiriye ibirori.

2.2.2. Gutanga ibihembo ku makipe yagize imyanya 3 ya mbere mu bahungu n'abakobwa:

Ku makipe 8 y'abahungu n'8 y'abakobwa yitabiriye irushanwa, ayahawe ibihembo ni 6 agizwe n'iya mbere, iya 2 n'iya 3 mu bahungu n'abakobwa. Iza 3 mu bahungu n'abakobwa ni ikipe y'abahungu n'iy'abakobwa ya centrale Burenge mu murenge wa Kamabuye, bakaba barahawe umupira n'amafaranga ibihumbi 20,000 buri yose; iya kabiri mu bahungu ni ikipe ya centrale Nziranziza mu murenge wa Shyara, yahawe umupira n'amafaranga ibihumbi 30,000; iya kabiri mu bakobwa ni ikipe ya centrale Ngenda , mu murenge wa Nyarugenge, yahawe nayo umupira n'amafaranga ibihumbi 30,000; iza mbere mu bahungu n'abakobwa zikaba zarabaye iza centrale Twimpala mu murenge wa Ngeruka, zahawe umupira n'amafaranga ibihumbi 40,000 buri yose.



Amakipe yatwaye igikombe, abakobwa n'abahungu bishimira insinzi.

Ibi birori byitabiriwe n'ibitangamakuru binyuranye, birimo Radio na Television by'u Rwanda, Radio na Television Isango Star, Radio Maria Rwanda na Radio Huguka. Ibi bitangamakuru byafashije abayobozi n'urubyiruko rwasezeranye kugeza ubutumwa ku Banyarwanda b'ingeri zinyuranye bari mu bice bitandukanye by'igihugu. Ubutumwa bw'urubyiruko bw'ibanze ku ntego bafite yo kutemerera amateka y'amacabiri, urwango, inzika n'umujinya byaranze ikinyejana gishize gukomeza kwinjira mu bisekuru by'ikinyejana cya 21 kugirango bitazabasenyera igihugu cyabo bakunda.

3. GUTOZA URUBYIRUKO UMUCO WO KUZIGAMA NO KUGURIZANYA

Mu rwego rwo kurwanya ubukene mu rubyiruko , aribwo bukunze kuba intandaro yo kwishora mu ngeso mbi cyangwa gushorwa mu bikorwa bihungabanya amahoro y'abandi. Muri uyu mwaka AJECL yakomeje guherekeza amatsinda yo kwizigama no kugurizanya yatangije mu mirenge 4 mu karere ka Bugesera ariyo: Ruhuha, Kamabuye, Mayange na Nyamata. AJECL kandi yakomeje no gucungeza uwo muco mwiza wo kwizigama no kugurizanya mu ma clubs yayo ari mu mashuri yavuzwe harugu. Udushinga duto bafite mu mashuri twacunzwe neza kandi turimo kugenda dutanga umusaruro.

4. IBIKORWA BITEGANYWA MURI UYU MWAKA TURIMO WA: 2022 - 2023

Umuryango AJECL urateganya gukomeza kwita kuri Gwizamahoro clubs mu mashuri yisumbuye yo mu karere ka Bugesera, akaba yava ku mashuri 10 akagera ku mashuri 15 mbere y'uko umwaka w'amashuri ugiye gutangira urangira. Ni muri urwo rwego muri uku kwezi kwa Nzeli, abarimu bagera kuri 20 bazahabwa certificates nk'abafashamyumvire muri iyi gahunda ya AJECL ndetse bakaba n'imboni z'imfura z'iki kinyejana.

Turateganya gukomeza amarushanwa mu mupira w'amaguru ku bahungu n'abakobwa mu mirengi dukoreramo kugirango urubyiruko rwinshi rugerweho n'ubutumwa bw'umuco w'ubumwe n'amahoro maze bafatanye kuwimakaza mu kinyejana cyabo.

Turateganya gukomeza guherekeza amatsinda yo kwizigama no kugurizanya kugirango urubyiruko rwinshi ruyarebereho akomeze kuvuka ari menshi ahinduke umuyoboro w'iterambere mu babyiruka muri iki kinyejana.

“MUGWIZE AMAHORO: TUYAGABE MU KINYEJANA CYACU”

Padiri IYAKAREMYE Théogène

Uhagarariye AJECL